**AMABWIRIZA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO Nº 001/014 YO KU WA 15/03/2014 AGENGA ITEGURWA, ISHYIRWA MU BIKORWA N'ISUZUMA RY'IMIHIGO MU KARERE KA GASABO**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo mu nama yayo isanzwe yo ku wa 15/03/2014,

Ishingiye ku Itegeko № 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zeregerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo zaryo: iya 123, iya 125 n'iya 130;

Ishingiye ku mabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu nº 001/07.01 yo ku wa 20/05/2011 yo gutegura no gusuzuma imihigo mu nzego z'ibanze; hazirikanwa ku muco wo guhiga wafashije u Rwanda kuba Igihugu gifitiye akamaro abagituye no ku ntego yo kugira Igihugu kigendera ku mahame ya demokarasi iha uruhare mu iterambere Abanyarwanda bose;

Ishingiye ku myanzuro y'inama yahuje Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'abayobozi b'inzego z'ibanze yo ku wa 18/07/2013;

Imaze kubona imirongo ngenderwaho y'Igenamigambi ry'Igihugu cyane cyane icyerekezo 2020 (Vision 2020), Intego z'Ikinyagihumbi (MDGs), Gahunda y'Iterambere ry'Ubukungu no Kurwanya Ubukene (EDPRS II), Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi (7) na gahunda y'imyaka itanu y'iterambere ry'Akarere ka Gasabo (DDP);

Ishyizeho amabwiriza agenga itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo akurikira:

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya 1: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwihariye bwo kunoza itegurwa n'isuzumwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo no kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ryayo.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

**Imihigo** ni ijambo ry'ikinyarwanda rikomoka ku nshinga "guhiga", rikaba risobanura kwiha intego zizagerwaho mu gihe cyateganijwe, bikazagaragarizwa mu gikorwa cyo kwesa imihigo.

**Imihigo y'Akarere ka Gasabo** ni uburyo bw'igenamigambi ry'ibikorwa by'indashyikirwa biganisha ku ntego ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo bwiyemeza kugeraho mu gihe cy'umwaka hagamijwe iterambere ry'abaturage.

## Ingingo ya 3: Intego z'imihigo

Intego rusange z'imihigo ni izi zikurikira:

- Kwihutisha iterambere binyujijwe mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'Igihugu;
- Guteza imbere umuco wo kumurika, kugaragaza no kwishimira ibigerwaho;
- Guteza imbere umuco wo gukorera ku ntego;
- Guteza imbere umuco wo guhiganwa no guhanga ibishya (Competition and Innovation);
- Guteza imbere ubufatanye n'abafatanyabikorwa muri gahunda z'iterambere;
- Gukoresha imbaraga zishoboka hagamijwe kugera ku ntego vuba;
- Guteza imbere umuco wo kwisuzuma mu buryo buhoraho.

## Ingingo ya 4: Amahame shingiro y'imihigo

- Kugendera kuri gahunda za Leta n'intego zihutisha iterambere;
- Kugera ku ntego mu buryo buhesha ishema nyiri'igikorwa n'abandi bakigizemo uruhare;
- Guhigira kugera ku cyo udasanzwe ufite cyangwa kongera ibyo wari usanganywe.

# UMUTWE WA KABIRI: ITEGURWA RY'IMIHIGO

## Ingingo ya 5: Ibishingirwaho mu gutegura imihigo

1. Imihigo y'Umuryango ishingira kuri gahunda z'Igihugu no ku byifuzo by'Abagize Umuryango bahereye ku bibazo bafite n'uburyo bazabikemura hashingiwe ku mikoro yabo;
2. Imihigo y'Umudugudu ishingira kuri gahunda z'Igihugu, kuri gahunda y'Iterambere ry'Akarere ka Gasabo no kuri gahunda y'imiryango igize umudugudu;
3. Imihigo y'Akagari ishingira kuri gahunda z'Igihugu, kuri gahunda y'Iterambere ry'Akarere ka Gasabo no kuri gahunda y'Imidugudu igize akagari ;
4. Imihigo y'Umurenge ishingira kuri gahunda z'Igihugu, kuri gahunda y'Iterambere ry'Akarere ka Gasabo no kuri gahunda y'Utugari tugize umurenge ;
5. Imihigo y'Akarere ka Gasabo ishingira kuri gahunda z'Igihugu no kuri gahunda y'Iterambere ry'Akarere ka Gasabo (DDP) ikuzuzanya n'imihigo y'inzego zikorana n'Akarere, Imirenge, Utugari, Imidugudu n'umuryango).

## Ingingo ya 6: Gushingira ku igenamigambi ry'Urwego rw'Igihugu

Imihigo y'Akarere ka Gasabo, mu itegurwa ryayo, ishingira kubiteganywa mu Cyerekezo 2020 (Rwanda Vision 2020), Intego z'Ikinyagihumbi (MDGs), Gahunda y'Iterambere ry'Ubukungu no Kurwanya Ubukene (EDPRS II) n'izindi nyandiko z'igenamigambi.

## Ingingo ya 7: Ibikorwa by'ingenzi bigomba kwitabwaho

Imihigo y'Akarere ka Gasabo ishingira kuri ibi bikurikira:

- Gushyira mu bikorwa politiki za Leta zemejwe;
- Gutanga serivisi zidatangirwa ku zindi nzego;

- Gukurikirana imiyoborere y'Imirenge;
- Kugena, guhuza no gushyira mu bikorwa gahunda z'amajyambere;
- Kwita ku bikorwa remezo, ibya tekiniki n'iby'imari;
- Guteza imbere ubufatanye n'ubutwererane hagati y'utundi Turere, Imijyi n'izindi nzego;
- Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu mu Karere;
- Guhuza ibikorwa by'Igenamigambi ry'Imirenge;
- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yo kubaka imidugudu ahagenwe no gufatanya n'Imirenge gutuza abaturage mu midugudu;
- Gushyiraho gahunda zo guteza imbere imibereho y'abaturage;
- Gushyira mu bikorwa igishushanyombonera cyihariye cy'Akarere;
- Gushyiraho ingamba zo guca Akarengane mu Karere;
- Gushyiraho ingamba zigamije iterambere ry'Akarere;
- Kwita ku iterambere ry'uburezi mu Karere;
- Kwita ku iterambere ry'ubwisungane mu kwivuza;
- Kwita no kurinda amarimbi n'inzibutso za Jenoside biri mu Karere;
- Kwita ku mikoreshereze y'ubutaka, gutunganya no gutanga ibibanza mu karere;
- Gusuzuma no gukemura ibibazo by'abaturage bitashoboye gukemurirwa ku rwego rw'Umurenge;
- Gukangurira abaturage kwitabira ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byafashwe n'inzego zisumbuye;
- Ibindi byagaragara ko ari ingenzi mu itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma ry'imihigo bitavuzwe haruguru.

#### Ingingo ya 8: Itegurwa ry'imihigo n'uko yemezwa

Imihigo y'Akarere ka Gasabo itegurwa na Komite Nyobozi y'Akarere ibifashijwemo n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa mbere y'itangira ry'umwaka w'ingengo y'imari w'imihigo, ikemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere.

Imihigo itegurwa kandi hashingiwe ku byifuzo bituruka mu baturage kuko ari abagenerwabikorwa, abafatanyabikorwa n'abakoresha.

### UMUTWE WA GATATU: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO

#### Ingingo ya 9: Igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo

Imihigo ishyirwa mu bikorwa mu gihe cy'umwaka w'ingengo y'imari ya Leta.

#### Ingingo ya 10: Ingamba z'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo

Inyandiko y'imihigo yemezwa n'Inama Njyanama, iherekezwa na gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ryayo igaragaza ibikorwa bizafasha kugera ku ntego z'imihigo, ingengabihe yabyo, ingengo y'imari izakoreshwa n'abazabikurikirana mu buryo bwihariye.

Ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo riyoborwa na Komite Nyobozi y'Akarere, yifashishije ingamba zikurikira kugira ngo igerweho:

- Buri muhigo w'Akarere ka Gasabo ugomba kugira umukozi uwukurikirana by'umwihariko kandi bigashyirwa mu mihigo ye bwite nk'umukozi;
- Buri muhigo ugomba kugira impapuro zawo zihariye zikabikwa mu buryo busanzwe no mu buryo bw'ikoranabuhanga (Physical and Electronic filing) zigaragaza uko ushyirwa mu bikorwa; rimwe mu kwezi hagomba kuganirwa ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo, hakagaragazwa n'inyandiko n'amashusho y'aho ibikorwa bigeze;
- Imihigo ifite imbogamizi zayibuza kugerwaho ku gihe cyateganijwe, igomba kugaragazwa mbere hagatangwa inama zifasha kuyishyira mu bikorwa zirimo ubuvugizi bwihariye;
- Ibyagezweho mu mihigo bigaragazwa n'inyandiko zibisobanura ziba ziteganyijwe muri gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ryayo;
- Ubuyobozi bw'Akarere n'abafatanyabikorwa bakora ubukangurambaga n'ubuvugizi mu kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo binyuze cyane cyane mu nama zinyuranye;
- Ibikorwa byagezweho mu mihigo bigomba kumurikirwa abaturage mu rwego rwo guteza imbere umuco wo gukorera mu mucyo.
- Buri gihembwe, Komite Nyobozi y'Akarere igaragariza Inama Njyanama y'Akarere aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa.
- Kabiri mu mwaka Abajyanama b'Akarere bazajya basura ibikorwa biri mu mihigo aho biri mu Mirenge;

**Ingingo ya 11: Kubahiriza intego z'imihigo**

Ubuyobozi bw'Akarere bukora ibishoboka byose ngo intego z'imihigo zigerweho nkuko zemejwe. Aho bigaragaye ko habaye uburangare intego ntizigerweho cyangwa igipimo cy'ibyakozwe kikaba hasi nta mpamvu zifatika zigaragazwa, ababigizemo uruhare bakurikiranwa mu buryo bukurikije amategeko.

UMUTWE WA KANE: IGENZURA RY'IMIHIGO

**Ingingo ya 12: Ibijyanye n'igenzura ry'imihigo**

Igenzura ry'imihigo y'Akarere ka Gasabo rikorwa igihe cyose ari ngombwa ariko ntirigomba kurenza igihembwe ritarakorwa. Igenzura rikorwa rigomba kugaragaza imbogamizi, imihigo iri inyuma ikwiriye kongerwamo imbaraga n'imihigo igenda neza.

Komite Nyobozi y'Akarere igena uburyo bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Imirenge igize Akarere ka Gasabo.

Ishami ry'igenamigambi ritegura raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo rishyikiriza Komite Nyobozi buri kwezi.

Komite Nyobozi y'Akarere itegura raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ibyateganijwe byose ikayishyikiriza Inama Njyanama n'izindi nzego bireba zirimo Umujyi wa Kigali buri gihembwe, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikagenerwa kopi.

## UMUTWE WA GATANU: INGINGO ZISOZA

**Ingingo ya 13: Iyubahirizwa ry'aya mabwiriza**

Inzego zirebwa n'aya mabwiriza zisabwe kuyubahiriza no gukurikirana uko yubahirizwa kandi zikayatangaza.

**Ingingo ya 14: Uruhare rw'abafanyabikorwa mu mihigo**

Komite Nyobozi y'Akarere ka Gasabo ishishikariza abafatanyabikorwa kugira uruhare mu mihigo y'Akarere

**Ingingo ya 15 : Imihigo y'Umurenge n'iy'Akagari**

a. Imihigo y'Umurenge itegurwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Umurenge, ikemerezwa hamwe na gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ryayo n'Inama Njyanama y'Umurenge. Iyo mihigo Umunyamabanga Nshingwabikorwa ayisinyana n'Umuyobozi w'Akarere ari nawe uyikorera isuzuma ku rwego rwa nyuma ;
b. Imihigo y'Akagari itegurwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akagari, ikemerezwa hamwe na gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ryayo n'Inama Njyanama y'Akagari. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari asinyana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge iyo mihogo ari nawe uyikorera isuzuma ku rwego rwa nyuma.

**Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

**Ingingo ya 17: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa uhereye igihe umwanzuro w'Inama Njyanama uyashyiraho wemejwe.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 15 Werurwe 2014

**MUKESHIMANA Régine**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo

**MUNYENTWARI Alfred**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo